

Habwa Urukingo Rwawe Rwa Gatatu Rwa COVID-19



Department of
Health and Human Services
MAINE
IMMIGRANTS'
RIGHTS
COALITION

Urukingo rwa Gatatu rwa COVID-19 ni iki?

Urukingo rwa gatatu rwa COVID-19 ni doze y'inyongeray'urukingoyongerera umubiri ubudahangarwa kandi rukaguha ubwirinzi bwisumbuyeho bwo guhangana na COVID-19.

Ni he nakura Urukingo rwa Gatatu?

Itsinda Rishinzwe Gukingira rifasha abaturage bo muri Maine kubona vuba urukingo rwa COVID-19 ahantu hakwegereye.

Hamagara: 1-888-445-4111

Ku wa Mbere-ku wa Gatanu, kuva saatatu za mu gitondo kugeza saa kumi n'imwe za nimugoroba.

Kuri serivisi zo guhindura inyandiko, hamagara iyo numero uvuge ururimi wifuza.

Hari uburyo buhari bwo gutwara abagenzi?

YEGO, niba ukeneye uburyo bwo kugenda, hamagara, andikira, cyangwa woherenze imeli kuri MANA: 207-387-0749 | car@mana-maine.org

CYANGWA uhamagare 1-855-608-5172 (ModivCare)

Nshobora guhererwa rimwe urukingorwa gatatu rwa COVID-19 n'urw'ibicurane?

YEGO, inkingo z'ibicurane na COVID-19 zishobora gutangirwa rimwe.

Ni he nakura Urukingo rwa Gatatu?

Ku bantu bahawe urukingo rwa COVID-19 rwa Pfizer-BioNTech cyangwa Moderna, amatsinda akurikira yemerewe guhabwa urukingo rwa gatatu mu mezi 6 cyangwa yisumbuyeho nyuma y'ibyiciro by'ibanze:

- Abafite imyaka 65 kuzamura
- Abarengeje imyaka 18 bamaze igihe kirekire aho bitabwaho mu buvuzi
- Abarengeje imyaka 18 bafite uburwayi runaka
- Abarengeje imyaka 18 bakora cyangwa baba ahantu hari ibyago byinshi byo kwandura

Urukingo rwa gatatu rwemerewe umuntu wese ufite imyaka 18 no kuzamura nibura nyuma y'amezi abiri ahawe Urukingo rwa COVID-19 rwa J&J/Janssen

Nshobora kuvanga inkingo?

YEGO. Abantu bamwe na bamwe bashobora guhitamo ubwoko bw'urukingo bahawe bwa mbere mu gihe abandi bashobora guhitamo guhabwa urutandukanye. Kuri ubu amategeko ya CDC yemera ko habaho kuvangwa kwa doze ku rukingo rwa gatatu.

Urukingo rwa Gatatu ni ubuntu? Nkeneye ubwishingizi?

YEGO, Urukingo rwa Gatatu rwa COVID-19 ni ubuntu.

OYA, ubwishingizi ntibukenewe. Ntuzabazwa ibijyanye na sitati yawe y'ubuhunzi.

